- 12° **itungo rikekwaho kuba ryanduye:** itungo ryose ryaba ryarabaye ahantu mu buryo butuma rishobora kwandura indwara. Ubwo buryo busobanurwa ku buryo bwihariye kuri buri ndwara ivugwa mu iri tegeko;
- 12° **An animal that is suspected to be infected means** any animal that has stayed in a particular place and conditions likely to make it infected. Such conditions are specifically explained in reference to each disease in this Law;
- 12° **animal suspecté contaminé de maladie contagieuse :** tout animal qui, du fait d'avoir vécu à un endroit précis et dans des conditions précises a été exposé à la contamination d'une maladie contagieuse. La présente loi spécifie ces conditions pour chaque maladie ;
- 13° **itungo ryafashwe n'indwara yandura:** itungo ryose rigaragaza ibimenyetso cyangwa izindi nenge ku buryo muri icyo gihe biba bidashidikanywaho ko ryanduye iyo ndwara, hakurikijwe ubumenyi buriho, mu gihe rikiriho cyangwa iyo risuzumwe rimaze gupfa;
- 13° **An animal infected with an infectious disease :** refers to an animal which, when still alive or examined after death, has symptoms or other flaws to the extent that by that time, it is highly doubtful not to be infected with that disease;
- 13° **animal contaminé d'une maladie contagieuse :** tout animal présentant des symptômes ou d'autres anomalies permettant de tirer la conclusion sans risque de se tromper, sur base d'analyse scientifique, que l'animal, à un moment précis de son vivant ou à l'autopsie, est atteint de la maladie ;
- 14° **Kuvana itungo mu bworoz:** icyemezo gifatwa n'Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworoz n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), iyo hemejwe ko indwara ihari, kigamije kwica amatungo yose arwaye cyangwa yanduye yo mu
- 14° **Liquidating an animal refers to** a measure taken by the management of the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) when a disease is declared, aimed at slaughtering all infected animals within a herd and animals from other herds which
- 14° **abattage sanitaire:** mesure prise par la Direction de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) en cas de présence confirmée de maladie, consistant à abattre tous les animaux malades ou contaminés d'un troupeau donné, et d'un tout autre

- ishyo, n'ayo mu yandi mashyo yahuye naryo, mu rwego rwo guhagarika kwanduza no gukwirakwiza indwara;
- 15° **ubusembwa butuma itungo ryaguzwe risubizwa:** inenge yihishe umuguzi abona itungo ryarangije kugurwa;
- 16° **Ubwandu:** akanyabuzima kose kaboneka ku itungo n'aho ryororerwa gashobora gutuma rirwara;
- 17° **umuganga w'amatungo ubishinzwe:** umuganga w'amatungo wa Leta cyangwa umuganga w'amatungo wikorera, wagiranye amasezerano n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), kugira ngo mu gihe hadutse indwara z'ibyorezo mu matungo, ashobore gufata ibyemezo bijyanye no kubungabunga ubuzima bw'amatungo mu buryo buteganyijwe n'iri tegeko;
- 18° **Veterinary Control Post:** amagambo yo mu cyongereza asobanura ko ari ahantu hagenzurirwa amatungo n'ibiyakomokaho hagati mu Gihugu;
- 19° **Veterinary Quarantine Border Post:** amagambo yo mu cyongereza asobanura
- have been in contact with them for the purpose of stopping the disease from spreading;
- 15° **Flaws warranting a purchaser to return an animal** refer to hidden flaws that a purchaser discovers on an animal after purchase;
- 16° **Infection :** refers to identification of any organism on an animal, which can be a disease vector;
- 17° **Competent veterinary authority :** refers to a veterinary doctor appointed by the government, or a private veterinary doctor who signed a contract with the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) for the purpose of taking measures meant for ensuring animal health care in case epidemics outbreak within the conditions that are provided for by this Law;
- 18° **Veterinary Control Post :** refers to a set of English words meaning the site where the checking of animals and livestock products takes place in a given country;
- 19° **Veterinary Quarantine Border Post :** refers to a set of English words meaning
- troupeau ayant eu un quelconque contact avec ce même troupeau, pour arrêter la contamination et la propagation d'une maladie;
- 15° **vice rédhibitoire :** défaut ou vice non constaté par l'acheteur, et qu'il découvre après toutes les procédures d'achat ;
- 16° **contamination de maladie :** identification de tout micro-organisme vecteur de maladie sur le corps d'un animal domestique ;
- 17° **médecin vétérinaire compétent :** un médecin vétérinaire nommé par le Gouvernement ou médecin vétérinaire privé ayant conclu un contrat avec l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA), pour qu'en cas de maladie d'animaux domestiques il puisse prendre toutes les mesures nécessaires à la protection de la santé animale conformément à la présente loi ;
- 18° **poste de contrôle vétérinaire :** lieu de contrôle des animaux domestiques et des ressources animales à l'intérieur du pays;
- 19° **poste de quarantaine vétérinaire de frontière :** lieu de quarantaine à la

O.G. n° 20 of 18/05/2009

ko ari ahantu h'akato ku mupaka hagenzurirwa amatungo n'ibiyakomokaho.

the entry points site where the checking of animals and livestock that are put in quarantine.

frontière où est effectué un contrôle des animaux domestiques et des ressources animales.

UMUTWE WA III : INDWARA ZIVUGWA MURI IRI TEGEKO

CHAPTER III : DISEASES REFERRED TO IN THIS LAW

CHAPITRE III : MALADIES VISEES PAR LA PRESENTE LOI

Ingingo ya 3 : Indwara zandura

Article 3: Contagious diseases

Article 3: Maladies contagieuses

Indwara zandura zivugwa muri iri tegeko zigize urutonde ruri ku mugereka waryo. Mugihe bibaye ngombwa, uyu mugereka ushobora kuvugururwa byemejwe n'iteka rya Perezida.

Contagious diseases discussed in this Law are appended to it. Whenever necessary, this appendix can be reviewed upon approval by a Presidential Order.

Les maladies contagieuses visées dans la présente loi sont reprises sur la liste en annexe. En cas de besoin, cette annexe peut être revue par Arrêté Présidentiel.

Indwara zandura ziri ku rutonde rwa (OIE) mu magambo ahinnye y'igifaransa asobanura Umuryango mpuzamahanga ushinze ubuzima bw'amatungo ku Isi, zirimo izizwi n'izitazwi mu Rwanda. Indwara zizwi mu Rwanda ko zandura ziri ku mugereka w'iri tegeko.

Contagious diseases are on the list of the International Wildlife Organization, (OIE) in French and the list includes those contagious diseases which are common as well as those which are not common in Rwanda. Contagious diseases which are common in Rwanda shall be appended with this Law.

Les maladies contagieuses sont reprises sur la liste de l'OIE, Organisation mondiale de la santé animale, y compris les maladies connues et inconnues au Rwanda. Les maladies contagieuses connues au Rwanda sont reprises en annexe de la présente loi.

Ingingo ya 4 : Igenzura ry'indwara zandura

Article 4: Contagious disease surveillance

Article 4 : Epidémiosurveillance

Indwara zivugwa mu ingingo ya 3 y'iri tegeko zigenzurwa ku matungo yose no ku nyamaswa bishobora kwandura, hakurikijwe imiterere ya buri ndwara.

Diseases discussed in Article 3 shall be checked on all animals whether domestic or wild, that can be infected, according to characteristics of each disease.

Les maladies visées à l'article 3 de la présente loi font l'objet d'une surveillance pour tous les animaux, domestiques ou sauvages, susceptibles d'en être contaminés, suivant la nature des maladies.

Buri ngendo z'amatungo, ku mpamvu izo ari

In a bid to prevent the spreading of a disease,

Tout déplacement d'animaux et pour

zo zose zikorwa ari uko hagaragajwe uruhushya rutangwa n'umuganga w'amatungo ubishinzwe.	any livestock movements for any reason require prior authorization by a Competent Veterinary Doctor.	n'importe quel motif, ne se fait que sur autorisation émanant du médecin vétérinaire compétent.
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), kigena imiterere y'urwo ruhushya.	The Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) shall determine the format of such authorization.	L'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) détermine le format de cette autorisation.
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), kigomba kugenzura ku buryo nyabwo kandi buhoraho indwara z'ibyorezo. Mu gihe bibaye ngombwa, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), gifata ibyemezo bikwiye mu buryo bwihuse kugira ngo gikumire ikwirakwira ry'icyorezo.	The Rwanda Animal Ressources Development Authority (RARDA) shall ensure permanent and continuous and active epidemic control. Whenever necessary, the Rwanda Animal Ressources Development Authority (RARDA) shall take quick and necessary measures to curb the spreading of the epidemics.	L'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) doit assurer l'épidémiosurveillance de façon efficace et permanente. En cas de besoin, l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) prend des mesures appropriées et rapides pour empêcher la propagation de l'épidémie.
Ingingo ya 5 : Gukingira indwara yandura	Article 5: Immunization of contagious diseases	Article 5 : Vaccination contre une maladie contagieuse
Gukingira indwara yandura ni inshingano ya buri nyir'itungo. Mu gihe cy'ikingira rusange, aborozi bagomba kuryitabira bagakingiza amatungo yabo yose arebwa n'iry kingira.	The immunization of an animal shall be the responsibility of its owner. During the immunization process, all the owners of animals shall have to attend the process and have all their concerned animals immunized.	Tout propriétaire d'un animal est tenu de le faire vacciner contre une maladie contagieuse. Les éleveurs participent en cas de campagne générale de vaccination et font vacciner tous leurs animaux concernés.
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), kigomba kugaragaza gahunda y'ikingira rusange ya buri ndwara no guteganya inkingo zikenewe.	The Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) shall provide the schedule for the General immunization process and the needed vaccine for each type of disease.	L'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) doit présenter le programme de campagne générale de vaccination contre chaque maladie et veiller à ce que les vaccins nécessaires soient

		disponibles.
Ingingo ya 6 : icyihutirwa gukorwa iyo hakekwa indwara yandura	Article 6: Urgent measures taken when a contagious disease breaks out	Article 6: Mesures urgentes en cas d'épidémie déclarée
Iyo hari indwara iri ku rutonde ruvugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko yaketswe cyangwa yagaragaye, umuyobozi w'Akarere ashingiye kuri raporo y'umuganga w'amatungo ubishinzwe, agaragaza uduce twagaragawemo indwara, udukekawemo indwara, utugomba kurindwa n'ututarangwamo indwara, yerekana neza imbibi zizwi.	When a disease which is found on the list referred to in Article 3 of this Law is suspected or broke out, the District Mayor, basing on the report by the Competent Veterinary Doctor, shall define infected areas, areas suspected to be infected, areas to be protected and safe areas by clearly defining natural boundaries.	En cas d'irruption d'une des maladies figurant sur la liste visée à l'article 3 de la présente loi et suspectée ou confirmée, l'autorité compétente du district déclare, sur base d'un rapport du médecin vétérinaire compétent, les zones atteintes par l'épidémie, suspectées atteintes, celles à protéger, et celles saines en précisant chaque fois les délimitations bien connues.
INTERURO YA II : KURWANYA INDWARA Z'AMATUNGO IMBERE MU GIHUGU	TITLE II : FIGHT AGAINST DOMESTIC ANIMAL DISEASES WITHIN THE COUNTRY	TITRE II : LUTTE CONTRE LES MALADIES DES ANIMAUX DOMESTIQUES A L'INTERIEUR DU PAYS
UMUTWE WA IV : IBYEMEZO RUSANGE	CHAPTER IV: GENERAL MEASURES	CHAPITRE III: MESURES GENERALES
Icyiciro cya I: Imenyekanisha n'ikumira	Section One: Notification of disease and isolation	Section première : Déclaration d'épidémie et isolement
Ingingo ya 7 : Imenyekanisha	Article 7: Notification of diseases	Article 7 : Déclaration de la maladie
Buri muntu wese afite inshingano yo gihita amenyekanisha itungo rikekwaho indwara yandura.	Every person has a duty to report an animal suspected of catching a contagious disease without delay.	Toute personne est tenue de déclarer sans délai un animal suspecté d'être atteint d'une maladie contagieuse.
Buri muntu wese wabonye cyangwa ufite itungo rirwaye, rikekwaho kuba rirwaye	Any person seeing or owning an animal which has caught or is suspected to have	Toute personne ayant constaté ou en possession d'un animal atteint ou suspecté

cyangwa ryanduye imwe mu ndwara zandura zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, agomba guhita abimenyeshya umuganga w'amatungo umuri hafi cyangwa umuyobozi umwegereye.

Iryo menyekanisha kandi ni ngombwa ku matungo yahuye n'andi arwaye imwe muri izo ndwara cyangwa ashobora kuba yaranduye hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko.

Kumenyekanisha indwara, ni inshingano ku buryo bw'umwihariko ku bakozi b'Ikigo cy'Igihugu Gishizwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), abaganga b'amatungo, abakozi bashinzwe kugenzura ibikomoka ku matungo, abayobozi b'amakaragiro n'amabagiro, abashinzwe umutekano, abayobozi b'inzego z'ibanze, abaganga b'abantu, abakangurambaga b'ubuhinzi n'ubworozi, urwego rw'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo mu Karere, urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka mu Gihugu, abakozi ba gasutamo, kubera akazi bakora gatuma bamenya cyangwa bakeka ko hariho imwe mu ndwara zandura.

Ingingo ya 8 : Ikumira

Buri tungo ryororewe mu Rwanda, rigomba kuba riri mu kiraro cyangwa mu rwuri ruzitiye ku buryo ritazerera ngo rihure

caught one of the diseases referred to in Article 3 of this Law shall, without delay, inform the nearest sanitary veterinary or authority.

Such notification is also required for animals that got in contact with animals suffering from one of those diseases, or got infected with it, according to provisions of Article 4 of this Law.

The notification is an obligation especially for the staff of the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA), animal health service staff, employees in charge of controlling livestock products, in charge of slaughterhouses, dairies, security services, local authorities, doctors, people in charge of agricultural and breeding extension, at the District level, the Department emigration, immigration and custom officers, since their daily activities enable them to suspect possibility of contagious diseases.

Article 8: Isolation

Any animal bred in Rwanda shall be kept in a closed cowshed or pasture in a way that it can not be in contact with other animals that

d'être atteinte de l'une des maladies contagieuses visés à l'article 3 de la présente loi est tenue d'en informer, aussitôt après constatation du fait, le vétérinaire sanitaire ou l'autorité la plus proche.

Cette déclaration est aussi exigée pour les animaux étant entrés en contact avec un animal atteint de l'une de ces maladies contagieuses conformément aux dispositions de l'article 4 de la présente loi.

La déclaration de maladie contagieuse est une obligation spéciale pour le personnel de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA), les médecins vétérinaires, le personnel chargé du contrôle des produits d'origine animale, les responsables de laiteries et d'abattoirs, les agents de sécurité, les autorités locales, les médecins, les vulgarisateurs agricoles et d'élevage, le service vétérinaire du district, les Services d'immigration et émigration au niveau national, les agents des services de la douane, en vertu de leurs prestations journalières leur permettant de constater ou suspecter la possibilité d'une maladie contagieuse.

Article 8 : Mise en isolement

Tout animal domestique élevé au Rwanda doit être gardé en étable ou dans un paturage clos, de façon à rendre impossible tout contact avec

O.G. n° 20 of 18/05/2009

n'amatungo yororerwa ahandi.

Umuganga w'amatungo ubishinzwe abonye cyangwa aketse imwe mu ndwara zandura zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, iyo bibaye ngombwa, ahita ashiraho ikumira ry'itungo rirwaye cyangwa rikekwaho ubwandu bw'indwara, akabimenyesha Umuyobozi w'Akarere iyo ndwara yatahuwemo uhita yemeza akanatangaza ingamba zafashwe

Icyiciro cya 2 : Ibyemezo rusange bifatwa iyo hakekwa indwara

Ingingo ya 9 : Kwemeza indwara

Kwemeza indwara bikorwa nyuma yo gufata ibizamini.

Umuganga w'amatungo ubishinzwe, afata ibizami akabyohereza muri laboratwari yemewe kugira ngo bimufashe kwemeza indwara. Iyo ibisubizo bigaragaje ko hari indwara, umuganga w'amatungo ubishinzwe, ahita abimenyesha Umuyobozi w'Akarere kugira ngo ashimangire ibyemezo byafashwe ndetse akabimenyesha abaturage bose bireba hakoreshejwe uburyo bwose bushoboka bw'itumanaho.

are bred elsewhere.

In his/her activity, when a veterinary authority realizes or suspects one of the contagious, diseases described in Article 3 of this Law, if possible, he/she, immediately isolates the ill animal or suspected to be infected and he/she lets know the district authorities, and at the same time he/she informs them about the measures taken. The Mayor of the relevant District shall approve the appropriate measures taken and make them known to the public.

Section 2: General measures that are taken in case a given disease is suspected

Article 9 : Confirming a disease

Deciding on what to be done after taking samples.

The competent veterinary doctor shall take samples and send them to an authorized so that he/she can confirm the disease. When the test is positive, the competent veterinary doctor shall confirm the disease and immediately inform the Mayor of the District thereof for him or her to confirm measures taken and to inform all the population about the disease by means all communication means.

tout animal d'ailleurs.

Tout médecin vétérinaire compétent qui identifie ou suspecte sur un animal domestique l'une des maladies contagieuses visées à l'article 3 de la présente loi fait, en cas de besoin, immédiatement mettre en isolement l'animal malade ou suspecté contaminé et en informe le Maire du district d'irruption de la maladie qui adopte et publie les les mesures prises.

Section 2 : Mesures générales en cas de suspicion d'une maladie

Article 9 : Confirmation d'une maladie

La confirmation d'une maladie se fait après analyse au laboratoire.

Le médecin vétérinaire compétent fait un prélèvement d'échantillons pour analyse par un laboratoire agréé, qui lui permettra de confirmer ou d'infirmier la maladie. Si les résultats d'analyse de laboratoire sont positifs, le médecin vétérinaire en informe immédiatement le Maire du district qui renforce les mesures précédemment prises et en informe tout le public concerné par tous les canaux de communication possibles.

Ingingo ya 10 : Ibyemezo bifatwa iyo indwara yemejwe

Iyo imwe mu bwoko bw'indwara zandura zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko yagaragaye, Ubuyobozi bw'akarere, bushingiye kuri raporo y'umuganga w'amatungo ubishinzwe, butanga amabwiriza yihariye ateganijwe kuri buri ndwara izwiho kuba yandura nk'uko iri tegeko ribiteganywa.

Ubuyobozi bw'akarere bushyiraho akato kagaragaza imbibi z'agace kanduye, agakekwaho ubwandu bw'indwara, akagomba kurindwa n'agace katarangwamo indwara bukadufatira ibyemezo biteganywa n'iri tegeko, kandi bugafata ibyemezo rusange cyangwa byihariye hakurikijwe indwara.

Ingingo ya 11 : Kurwanya ikwirakwizwa ry'indwara yandura

Ubuyobozi bw'Akarere, mu rwego rwo kugenzura no gukumira indwara yandura, bushobora gufata bimwe mu byemezo bikurikira :

1° Gusura no kugenzura ubuzima bw'amatungo;

2° Kubarura no gushyira ibimenyetso ku matungo yanduye;

Article 10 : Measures taken when a contagious disease is confirmed

When one of the infectious diseases referred to in Article 3 of this Law is confirmed, the district authority, after hearing about the opinion of the competent veterinary, shall give specific instructions for each contagious disease, in accordance with the present Law.

The district authority shall define boundaries for infected area, area suspected to be infected the area that must be protected and the safe area and he/she takes general and specific measures depending on the disease.

Article 11: Controlling the spreading of contagious disease

The District authority may, within the context of controlling the spreading of a contagious disease, take some of the following decisions:

1° Visiting and controlling livestock health;

2° Counting animals and putting identification to them;

Article 10 : Mesures en cas de confirmation d'une maladie contagieuse

En cas d'irruption de l'une des maladies contagieuses visées à l'article 3 de la présente loi, l'autorité du district donne, après rapport du médecin vétérinaire compétent, les instructions spécifiques à chaque maladie contagieuse conformément aux dispositions de la présente loi.

L'autorité du district procède à la mise en quarantaine qui spécifie la délimitation de la zone contaminée, celle suspectée contaminée, et celle à protéger, ainsi que celle encore saine, et prend les mesures d'ordre général ou particulier selon la nature de la maladie.

Article 11 : Contrôle de la propagation d'une maladie contagieuse

Lorsque la nature de la maladie est établie, l'Autorité de District peut, dans le cadre du contrôle et de la prévention de la maladie, faire appliquer l'une des mesures suivantes:

1° Visites et surveillance sanitaires ;

2° Recensement et marquage des animaux atteints ;

O.G. n° 20 of 18/05/2009

3° Gushyira mu kato amatungo yinjira cyangwa asohoka, mu turere turi hafi y'utwanduye imwe mu ndwara zandura zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko;	3° Quarantining either entering or quitting livestock in areas that are near those which are infected with contagious diseases as described in Article 3;	3° Mise en quarantaine des animaux entrant ou sortant des zones menacées d'être envahies par l'une des maladies contagieuses visées à l'article 3;
4° Guhagarika gukoresha amamurikagurisha, n'ibiterane by'amatungo, ingendo z'amatungo, kwinjiza, gutwara no kwimurira amatungo ahandi;	4° Suspending commercial shows and cattle markets, and livestock movements, bringing, transporting or taking animals into another area;	4° Tenue des foires et des marchés, circulation des animaux; introduction, transport et transfert des animaux ;
5° Gusukura no gutera imiti yica udukoko;	5° Cleaning, spraying disinfectants;	5° Assainissement et désinfection ;
6° Gufata ibyemezo byo gukumira, gukingira, gusuzuma no kuvura amatungo;	6° Taking measures of isolating, immunizing, examining and treating animals;	6° Application de toutes mesures préventives, curatives ou diagnostiques ;
7° Gukumira no kuvana amatungo arwaye mu bworozi;	7° Isolating and liquidating infected animals;	7° Prévention et abattage des animaux atteints;
8° Gutwika intumbi z'amatungo n'ibintu byose bishobora kwanduza indwara.	8° Burning carcasses of dead animals, and any materials got in contact with them, and deemed likely to constitute a way of contamination.	8° Destruction des cadavres et des objets susceptibles de transmettre l'infection ;
Ubuyozi bw'akarere bubimenyesha Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), kugira ngo bubyemeze bwa nyuma mbere yo gushyirwa mu bikorwa mu buryo bwihuse	The District authority shall inform the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) about such decisions for approval before immediate implementation.	L'autorité de district informe l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) de ces mesures pour adoption définitive avant leur mise en application sans délais.

Iyo habayeho gukumira cyangwa gushyira mu kato amatungo, nyir'itungo niwe ukomeza kuryitaho.

Where there is isolation or quarantine, the relevant animal shall continue to be looked after by its owner.

En cas de mise en isolement ou de mise en quarantaine des animaux, le propriétaire de l'animal continue de pourvoir à son entretien.

Muri ibyo bihe, Abaganga b'amatungo babishinzwe bakurikiranira hafi ubuzima bw'ayo matungo bareba ko igihe cyose amategeko arebana no kwirinda no kurwanya indwara z'amatungo yubahirizwa.

During that period, sanitary veterinaries take care of the cattle, making sure that instructions relating to animal health regulations are being properly implemented.

Pendant cette période, les médecins vétérinaires compétents suivent de près la santé des bêtes, prenant soin de faire respecter en tout temps la législation en rapport avec la police sanitaire.

Ingingo ya 12 : Gukuraho ibyemezo

Article 12: Declaring end of application of measures

Article 12: Décision de fin de l'application des mesures

Mu rwego rwo kurengera inyungu rusange, ibyemezo bivugwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko bikurwaho gusa n'ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), nyuma yo kubona raporo y'Ubuyobozi bw'Akarere ishingiyeye kuri raporo y'umuganga w'amatungo ubishinzwe.

For the purpose of common interest, measures discussed in Article 11 of this Law can be abolished only by the authorities of the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) after the report by the District authority basing on the report by the veterinary officer.

Dans le souci de préserver l'intérêt public, les mesures visées à l'article 11 de la présente loi ne peuvent être levées que par l'Autorité de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) après considération du rapport de l'Autorité de district élaboré par le médecin vétérinaire compétent.

Ingingo ya 13: Ibihano bifatirwa nyir'itungo risanzwe hanze y'aho ryakumiriwe

Article 13: Penalties against any stockbreeder whose animal is caught outside the isolation place

Article 13: Sanctions à l'encontre du propriétaire d'un animal trouvé en dehors du lieu de son isolement

Itungo ryose rifatiwe hanze y'aho ryakumiriwe cyangwa rigendagenda mu buryo bunyuranyije n'amategeko mu duce twagaragayemo indwara hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko, rifatirwa icyemezo cyo kwicwa.

Any competent authority can immediately decide, slaughtering without any compensation any animal that is caught outside the isolation place or illegally wandering in suspected areas in accordance with Article 10 of this Law.

Tout animal trouvé en dehors du lieu de son isolement ou circulant en fraude dans les régions déclarées suspectes conformément aux dispositions de l'article 10 de la présente loi est abattu.

Ingingo ya 14: Kuvana itungo rirwaye indwara yandura mu bworozi

Iyo ibyemezo bivugwa mu ngingo ya cumi (10), igika cya kabiri (2), bifatwa mu rwego rwo gukumira no guhagarika ikwirakwizwa ry'indwara binaniranye, mu nyungu rusange, bitewe n'imiterere y'indwara, Ubuyobozi bw'Akarere, bushingiye ku cyemezo cy'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA) cyo kuvana mu bworozi amatungo arwaye indwara zandura, buhita bubishyira mu bikorwa.

Mu nyungu z'umworozi kandi, abigiriwemo inama n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), ashobora kuvana mu bworozi bwe itungo rye ryigeze kurwara cyangwa rirwaye indwara yandura.

Ingingo ya 15 : Uko amatungo avanwa mu bworozi

Iyo byemejwe ko amatungo avugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko avanwa mu bworozi, Ubuyobozi bw'Akarere, mbere yo kubishyira mu bikorwa bwihutira gusobanurira nyir'itungo icyo cyemezo hamwe n'uburyo indishyi ikwiye igenwa hakurikijwe igiciro kiri ku isoko.

Article 14: Liquidating animals infected of contagious disease

When the measures taken in the paragraph 2 of Article 10, for isolation and limiting spreading of a disease, fail, the District authority shall, for general interest and basing on the decision taken by the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) declare the liquidating of the animals suffering from contagious diseases, and shall immediately implement it.

A stockbreeder may, for his or her own interest and after advice by the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA), decide to liquidate his/her animal which happened to catch or is suffering from a contagious disease.

Article 15: Liquidating process

When it is decided that all animals referred to in Article 14 of this Law have to be liquidated, the District authority shall, before implementing the decision, explain to the stockbreeder about it and about the way a fair compensation shall be given to him/her.

Article 14: Abattage sanitaire d'un animal atteint d'une maladie contagieuse

En cas d'impossibilité d'application des mesures visées à l'article 10, alinéa 2, adoptées en vue de prévenir et d'empêcher la propagation d'une maladie, dans l'intérêt public, l'autorité de district peut, après décision de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA), ordonner l'abattage sanitaire sans délais des animaux atteints des maladies contagieuses.

L'éleveur peut aussi, sur proposition de de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA), éliminer physiquement son animal domestique qui a été atteint ou qui est atteint d'une maladie contagieuse.

Article 15: Modalités d'abattage sanitaire des animaux

En cas de décision d'abattage sanitaire des animaux visés à l'article 14 de la présente loi, l'autorité de district explique sans délai au propriétaire de l'animal l'importance de la décision et la nature de la juste indemnité qui lui sera versée.

Iyo ayo matungo agomba kubagwa, bikorerwa aho hantu iyo bishoboka imbere y'umuganga w'amatungo. Mu gihe ayo matungo ajyanwe mu ibagiro ryemewe cyangwa ahandi hantu, Umuganga w'amatungo ubifitiye ububasha, atanga amabwiriza agomba gukurikizwa, kugira ngo indwara itanduzwa utundi duce, akagena n'aho inyama, impu n'ibindi bigize umubiri w'ayo matungo bigomba kujya.

Ingingo ya 16 : Abahabwa indishyi

Nyir'itungo ufatiwe icyemezo cyo gukura itungo rye mu bworozi nk'uko bivugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko, abahabwa indishyi ikwiye ivugwa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko. Indishyi ikwiye ihabwa kandi nyir'itungo ufatiwe icyemezo cyo gukura itungo rye mu bworozi kubera indwara yandura, iyo bigaragara ko atagize uruhare mu kwandura kw'itungo rye.

Icyakora, igihe byagaragaye ko nyir'itungo yagize uruhare mu ikwirakwizwa ry'indwara yandura, nta ndishyi ahabwa.

Ingingo ya 17: Intumbi z'amatungo yapfuye

Intumbi z'amatungo yapfuye yari yanduye

Where such animals have to be slaughtered, this shall be done on the spot at the presence of a veterinary officer where possible. When they are taken to an authorized slaughterhouse or to another place, the veterinary authority shall give instructions to be followed so that other areas cannot be infected and also define the destination of parts of their bodies.

Article 16: Beneficiaries of the right to compensation

A stockbreeder against whom a decision of liquidating his or her animal in accordance with Article 14 of this Law is taken shall be given a fair compensation referred to in Article 15 of this Law. Shall also have the right to a fair compensation, a stockbreeder against whom a decision of liquidating his/her animal following a contagious disease and where he or she has no hand in his or her animal being contaminated is taken.

However, where it is proven that the stockbreeder had a hand in spreading the disease; this stockbreeder shall be given no compensation.

Article 17: The carcasses of dead animals

The bodies of an animal that died of infection

En cas de décision d'abattage de ces animaux domestiques, ceux-ci sont, si possible, abattus en présence du médecin vétérinaire. En cas de transfert vers un abattoir agréé ou tout autre endroit, le médecin vétérinaire compétent prescrit les précautions à prendre pour éviter la propagation de la maladie et décide de la destination à donner aux viandes, peaux et autre parties.

Article 16 : Dépositaire du droit à l'indemnisation

Le propriétaire d'un animal frappé par la décision d'abattage conformément aux dispositions de l'article 14 de la présente loi bénéficie d'une juste indemnité visée à l'article 15 de la présente loi. Une juste indemnité est également accordée à tout propriétaire dont les animaux sont abattus pour cause de maladie contagieuse s'il est constaté qu'il n'a pas été impliqué dans la contagion de son animal.

Toutefois, en cas de constatation de son implication dans la propagation de la maladie contagieuse, le propriétaire n'a aucun droit à l'indemnisation.

Article 17 : Cadavres d'animaux

La destruction des cadavres d'animaux atteints

O.G. n° 20 of 18/05/2009

imwe mundwara zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, zigomba gutabwa no gutwikwa ahabigenewe, hakoreshejwe imiti yabugenewe cyangwa ubundi buryo bugezweho bwemejwe n'umuganga w'amatungo ubishinzwe.

Ingingo ya 18 :Kwemeza ingendo

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), butanga buri gihe cyose amabwiriza ajyanye n'ingendo, kwimura no gutwara amatungo; ubucuruzi no gutwara ibikomoka ku matungo bitandukanye bishobora kuba intandaro y'ikwirakwizwa ry'indwara zavuzwe mu ngingo ya 3 y'iri tegeko.

Ingingo ya 19 : Ibisabwa mu kwimura amatungo

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 6 y'iri tegeko, umuntu wese ushaka kwimurira amatungo mu kandi gace k'u Rwanda ayavana mu duce twemejwe ko twanduye, dukekwa kuba twaranduye cyangwa turinzwe, agomba gusaba uburenganzira Umuganga w'amatungo ubishinzwe kugira ngo amuhe icyemezo cy'urugendo.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku

of any of the diseases described in Article 3 of this Law shall be buried in an indicated place or burnt by means of specific chemicals or in any up-to-date fashion approved by the veterinary authority.

Article 18: Deciding on the livestock movement

The Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) shall give on a regular basis instructions governing movements, shifting and transport of the livestock; commerce and transport of livestock products likely to be the source of the spreading of the diseases described in Article 3 of this Law.

Article 19: Requirements for livestock shifting

Without prejudice to the content of Article 6 of this Law, any person who wants to transfer animals to one area of Rwanda from infected area, areas suspected infected or protected areas; he/she must have a transfer authorization delivered by the veterinary authority.

The Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) shall define the format

de l'une des maladies contagieuses visées à l'article 3 de la présente loi a lieu par enfouissement, incinération ou par action d'agents chimiques, en suivant les règles et prescriptions fixées par le médecin vétérinaire compétent.

Article 18 : Autorisation de circulation d'animaux domestiques

L'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) réglemente en tout temps, la circulation, le transfert et le transport des animaux domestiques ainsi que le commerce et le transport de différents produits d'origine animale susceptibles de contribuer à la propagation des maladies visées à l'article 3 de la présente loi.

Article 19: conditions exigées pour le transfert d'animaux domestiques

Sans préjudice des dispositions de l'article 6 de la présente loi, toute personne désireuse de transférer des animaux à l'intérieur du Rwanda et en provenance des zones déclarées infectées, suspectes ou de protection, est tenue d'en demander l'autorisation au vétérinaire sanitaire compétent qui lui délivre un permis de circulation.

L'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) indique le

Matungo mu Rwanda (RARDA), bugena imiterere n'ibigomba kuba bikubiye muri icyo cyemezo cy'urugendo, bukanasobanura uburyo urugendo, kwimurira ahandi no gutwara amatungo bizakorwa, n'uburyo byakongera gusubirwamo, kubuzwa cyangwa kuvanwaho.

Ingingo ya 20: Isuku y'ahakorera ubworozi mu gihe cy'indwara

Mu duce twiganjemo imwe mu ndwara zivugwa mu ingingo ya 3 y'iri tegeko, amazu, ibiraro, inzitiro n'izindi nyubako zose amatungo abamo, kimwe n'ibikoresho bifite moteri byifashishwa mu gutwara amatungo yo mu rugo, bigomba guterwa umuti wica udukoko. Ifumbire, imyanda ikuburwa mu biraro, ibisigazwa by'ibiribwa by'amatungo by'ubwoko bwose, bigirirwa isuku hakurikijwe amabwiriza atangwa n'Umuganga w'amatungo ubishinzwe.

Ingingo ya 21: Ikigega cyo kurwanya indwara z'amatungo

Mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), hashyizweho Ikigega cyo kurwanya indwara z'amatungo kigizwe n'umutungo ushobora gukoreshwa igihe bibaye ngombwa kandi byihutirwa cyane cyane mu kuriha indishyi no gukingira amatungo iyo habonetse imwe mu ndwara

and content of the transfer authorization and describe the terms of transit, transfer, transport and conditions under which this decision can be reviewed, impeded or abolished.

Article 20: Hygienic conditions in a breeding place during the disease period

In areas infected with one of the diseases described in article 3 of this law, houses, cattle-sheds, fences and other premises in which livestock live and vehicles used to carry animals must be sprayed. Manure, waste from cattle-sheds and all types of remainings of animal foodstuffs shall be kept clean according to instructions given by the veterinary authority.

Article 21: Epizootic control fund

There is hereby established within the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA), an epizootic control fund with funds which may be used whenever necessary and in case of emergency, especially in providing compensation and in immunizing livestock when one of the diseases referred to in

format et les renseignements devant figurer sur le permis de circulation et prescrit les conditions dans lesquelles la circulation, le transfert et le transport peuvent s'effectuer, se renouveler, être prohibés ou supprimés.

Article 20: Assainissement des endroits d'élevage en cas de maladie

Dans des zones à prévalence d'une des maladies visées à l'article 3 de la présente loi, les maisons, les étables, les clôtures et tous autres locaux d'animaux domestiques ainsi que les engins motorisés sont traités aux désinfectants. Le fumier, les balayures des étables et toutes sortes de restes des aliments des animaux sont traités conformément aux instructions du médecin vétérinaire compétent.

Article 21: Fonds de lutte contre les épizoties

Il est institué au sein de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) un Fonds national de lutte contre les épizoties doté des ressources susceptibles d'être utilisées en cas de nécessité et d'urgence particulièrement pour des fins d'indemnisation et de vaccination des animaux domestiques en cas de survenance de l'une des maladies visées

O.G. n° 20 of 18/05/2009

zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko.	Article 3 of this Law breaks out.	à l'article 3 de la présente loi.
Umutungo w'Ikigega ushyirwa kuri konti yacyo iri muri Banki Nkuru y'Igihugu.	Funds allocated to the fund shall be kept on a bank account opened with the National Bank of Rwanda.	Les ressources financières du Fonds sont versées à son compte ouvert à la Banque Nationale du Rwanda.
Imigenzurire y'umutungo w'Ikigega ikorwa hakurikijwe amategeko agenga igenzura ry'umutungo wa Leta	The audit of the property of Epizootic Control Fund shall be carried out in accordance with the audit of State finances.	L'audit du patrimoine du Fonds se fait conformément à la législation applicable à l'audit des finances de l'Etat.
Imicungire, imikorere n'aho umutungo w'Ikigega ukomoka biteganywa n'Iteka rya Perezida.	The management, the utilization and sources of the fund shall be determined by a Presidential Order.	La gestion, l'utilisation et la source du patrimoine du Fonds sont déterminées par Arrêté présidentiel.
UMUTWE WA V: IBYEMEZO BYIHARIYE KURI BURI NDWARA YANDURA.	CHAPTER V: SPECIFIC MEASURES FOR EACH CONTAGIOUS DISEASE	TITRE V : MESURES SPECIFIQUES A CHACUNE DES MALADIES LEGALEMENT REPUTEES CONTAGIEUSES
Icyiciro cya mbere : Indwara y'ibisazi	Section One: Rabies	Section première : Rage
Ingingo ya 22: Itungo rifatwa nk'iryanduye indwara y'ibisazi	Article 22: Animal considered to be infected with rabies	Article 22 : Animal considéré comme atteint de rage
Itungo ryose rikekwa ko ryanduye indwara y'ibisazi iyo:	An animal is considered to be infected with rabies if:	Est considéré comme animal suspect d'être atteint de rage :
1° ryarumye cyangwa ryariye inzara umuntu nta mpamvu igaragara mu buryo bunyuranije n'ingeso zayo zari zisanzwe;	1° It bites or scratches a human being without any sound reason which could led to its behavioural change;	1° tout animal qui, sans raison apparente et contrairement à son comportement habituel, a mordu ou griffé une personne;
2° ryarumye cyangwa ryariye inzara umuntu cyangwa inyamanswa yo mu	2° It bites or scratches a human being or a domestic animal in a zone declared	2° tout animal qui, dans une zone déclarée infectée, a mordu ou griffé soit une

rugo mu gace kemejwe ko kanduye,	infected;	personne, soit un animal domestique ;
3° rigaragaza ibimenyetso bidashobora kwitirirwa indi ndwara ku buryo budashidikanywaho;	3° It has symptoms which undoubtedly cannot be attributed to any other disease;	3° tout animal qui présente des symptômes non susceptibles d'être rattachés de façon certaine à une autre maladie ;
4° imbwa n'injangwe byahuye n'irindi tungo byakorewe ibizamini bikagaragaza ko byanduye indwara y'ibisazi;	4° Dogs and cats that got in contact with another animal which is rabies positive;	4° un chien ou un chat ayant entré en contact avec un animal chez lequel le diagnostic de rage a été confirmé ;
5° ryarumwe cyangwa ryariwe inzara n'irindi tungo, ibizamini byagaragaje ko ryanduye indwara y'ibisazi.	5° It is bitten or scratched by another animal which is rabies positive.	5° tout animal qui a été mordu, léché ou griffé par un animal chez lequel le diagnostic de rage a été confirmé.
Ingingo ya 23: Kwemeza ko itungo ritakirwawe indwara y'ibisazi	Article 23: Confirmation that the disease is over	Article 23 : Confirmation de la disparition de la rage chez l'animal
Buri tungo ryaketsweho kuba ryaranduye indwara y'ibisazi, rifatwa ko ritanduye, iyo hashize iminsi makumyabiri n'itanu (25) nta kimenyetso cy'indwara y'ibisazi rigaragaje.	Every animal suspected to be infected with rabies shall be considered not so after the period of twenty five (25) days without showing the infection's symptoms.	Tout animal domestique suspecté d'être atteint de la rage est réputé non infecté si, passé un délai de vingt-cinq (25) jours, il ne présente aucun symptôme de la maladie.
Ingingo ya 24: Igenzura ry'indwara y'ibisazi	Article 24: Surveillance of rabies	Article 24 : Surveillance de la rage
Iyo indwara y'ibisazi yaketswe, umuganga w'amatungo ubishinzwe, abifashijwemo n'ubuyobozi bumwegereye agomba guhita afungirana amatungo akekwo indwara y'ibisazi, akayakurikirana mu mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15).	Where rabies is suspected, the veterinary authority shall immediately, upon assistance by the nearest authority, lock up all animals suspected to be infected with rabies and follow-up for a period of fifteen days (15).	En cas de suspicion de la rage, le médecin vétérinaire compétent, en collaboration avec l'autorité la plus proche, séquestre les animaux suspectés pour assurer leur suivi sanitaire dans un délai de quinze (15) jours.
Mu gihe ikurikirana ry'indwara ritashoboye kugaragaza ko indwara iriho, hafatwa	When the follow-up did not prove the existence of the disease, the period of follow-	En cas de non confirmation de l'existence de la maladie au cours de la surveillance vétérinaire,

O.G. n° 20 of 18/05/2009

icyemezo cyo kongera igihe cyo gukomeza gukurikirana ayo matungo mu gihe cy'amezi atatu (3).

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), bushyiraho na none uburyo bwo gukurikirana amatungo yarumye cyangwa yariye inzara.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA), bushobora gutegeka ko ayo matungo yicwa mu gihe bigaragaye ko ashobora gukururira abantu ibyago cyangwa iyo bidashoboka kuyafungira hamwe kugira ngo akurikiranwe.

Ingingo ya 25: Imenyekanisha ry'indwara y'ibisazi

Umuntu wese utunze, ushinzwe kurinda cyangwa kwita ku matungo yo mu rugo akekwoho kuba yaranduye indwara y'ibisazi, agomba guhita abimenyesha umuganga w'amatungo umuri hafi.

Ingingo ya 26: Ikumira ry'indwara y'ibisazi

Umuntu wese ubonye ibimenyetso by'indwara y'ibisazi ku itungo, yaba nyiraryo; ari ushinzwe kuriragira cyangwa

up shall be extended to three (3) months.

The management of the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) shall also determine the period for which animals which bite or scratch.

The management of the Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA) may order that such animals be killed where it is established that they constitute a threat to the human life or they cannot be locked up in a given area for being followed up.

Article 25: Notification of rabies

Any stock breeders or stock keeper whose animals are suspected to be infected with rabies shall immediately inform the nearest veterinary doctor.

Article 26: Prevention of rabies

Any person, being the owner, shepherd or caretaker of an animal noticing the animal shows symptoms of rabies shall immediately

il est décidé de prolonger la surveillance pour un délai de trois (3) mois.

La direction de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) fixe également les modalités de surveillance vétérinaire des animaux domestiques ayant mordu ou griffé.

La direction de l'Office rwandais de développement des ressources animales (RARDA) peut ordonner l'abattage de ces animaux lorsqu'il est constaté qu'ils présentent un danger pour la population ou en cas d'impossibilité de leur séquestration commune pour des fins de surveillance.

Article 25 : Déclaration de la rage

Toute personne qui est propriétaire ou qui a la garde ou la charge des soins des animaux domestiques suspectés d'être atteints de la rage est tenue d'en informer immédiatement le vétérinaire sanitaire le plus proche.

Article 26 : Prévention de la rage

Toute personne qui constate les signes de rage chez un animal dont il est propriétaire ou dont il assure la garde ou a la charge de soins est

kuryitaho, agomba guhita aryica ako kanya rigatwikwa, bibaye ngombwa akifashisha inzego z'umutekano n'iz'ubuvuzi bw'amatungo bimwegereye. Iyo itungo rizerera ryagaragayeho ibimenyetso by'indwara y'ibisazi, rihita ryicwa ako kanya n'inzego z'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo zibifashijwemo n'abashinzwe umutekano.

Mu gace kemejwe ko karimo indwara y'ibisazi, ingendo z'imbwa n'injangwe ziba zibujijwe keretse iyo zigendana na banyirazo zishumitse cyangwa zambitswe ikintu cyabugenewe.

Imbwa n'injangwe zizerera zirafatwa zikajyanwa ahantu zikingiranwa. Injangwe zihita zicwa ako kanya. Naho imbwa nyuma y'amasaha mirongo ine n'umunani (48), zishobora gusubizwa benezo iyo berekanye icyemezo cya muganga kigaragaza ko zakingiwe ibisazi kandi kitararenza igihe.

Iyo indwara y'ibisazi yagaragaye mu yandi matungo, Umuyobozi w'Akarere, ashingiye kuri raporo y'umuganga w'amatungo ubishinzwe, ashyira mu kato amatungo akekwoho kuba yaranduye cyangwa yarandujwe. Muri icyo gihe ntashobora gutangwa cyangwa kugurishwa kugeza igihe hatangwa icyemezo cy'umuganga ubishinzwe.

kill and incinerate the latter, where necessary may get assistance from the nearest security and veterinary services. A straying animal with symptoms of rabies must be immediately killed by veterinary services in collaboration with security services.

In the area where the rabies disease is confirmed, movements of cats and dogs are forbidden unless they accompany their owners, attached with chain or muzzled.

Wandering dogs and cats are caught and taken to a lock-up place. Cats are killed on the spot while after forty eight (48) hours, dogs are given back to their owners provided the latter show the proofs of the fact that their dogs were received a valid immunization.

Where the rabies disease breaks out in other animals, the District Mayor, basing on the report by a competent veterinary authority, shall declare quarantine against any allegedly infected animal. In that case, such animals cannot neither be given to someone nor be sold until the authorization to do is issued a competent veterinary authority.

tenu de l'abattre immédiatement et procéder à son incinération et, en cas de nécessité, solliciter l'assistance des services de sécurité et de médecine vétérinaire les plus proches. Si un animal errant présente des symptômes de rage, il est abattu sans délai par les services vétérinaires avec l'aide des services de sécurité.

Dans une zone déclarée infectée par la rage, la circulation des chiens et chats est strictement interdite à moins qu'ils ne soient accompagnés par leur propriétaire ou tenus en laisse ou muselés.

Les chiens et chats errants sont capturés et transportés en fourrière. Les chats sont abattus immédiatement et les chiens après un délai de quarante-huit (48) heures au cours duquel ils peuvent être restitués à leur propriétaire sur présentation d'un certificat de vaccination anti-rabique valablement établi et en cours de validité.

